ABAFURERE B'INYIGISHO ZA GIKRISTU BIZIHIJE YUBILE Y'IMYAKA 50 BAMAZE BAGEZE MU RWANDA

Tariki 15 Nzeli 2018 nibwo Abafurere b'Inyigisho za Gikristu bizihije Yubile y'imyaka 50 bamaze bageze mu Rwanda. Uwo munsi mukuru wabo wabimburiwe n'Igitambo cya Missa cyatuwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo; uwo munsi kandi wari witabiriwe na Nyiricubahiro Musenyeri Vincent HAROLIMANA,Umwepiskopi wa Diyosezi ya Ruhengeri; Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umwepiskopi wacyuye igihe wa Diyosezi ya Nyundo. Hari kandi n'abayobozi b'inzego bwite za Leta barimo Mayor w'Akarere ka Rubavu. Abafurere b'Inyigisho za Gikristu bageze mu Rwanda batagiriye muri Diyosezi ya Nyundo bakiriwe na Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI.

Mu Gitambo cya Missa Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet yagize ubutumwa atanga kubari bitabiriye ibirori:

Ba Nyiricyubahiro Bepiskopi, Basaseridoti, Bafurere b'Inyigisho za Gikristu, Bihayimana bandi muri hano, Bakristu, Bavandimwe, mbanje kubaramutsa mwese kandi mbifuriza umunsi mwiza, ariko by'umwihariko nifuriza Abafurere b'inyigisho za Gikristu Yubile nziza. Mwese Kristu Yezu akuzwe.

Uyu munsi twaje kwifatanya n'aba Bafurere b'Inyigisho za Gikristu ngo dushimire Imana kubera iyi Yubile yabo y'Imyaka 50 bamaze bageze hano iwacu mu Rwanda,ndetse by'umwihariko hano iwacu ku Nyundo kuko ariho bakigera mu Rwanda batangiriye ubutumwa bwabo.

Mu kwezi kwa karindwi k'uyu mwaka nageze ahitwa LA PRAIRIE, ku cyicaro gikuru cy'abafurere b'Inyigisho za Gikristu, mu mugi wa Montréal muri Canada, maze ngira amahirwe yo kuramutsa umwe mu Bafurere ba mbere baje mu Rwanda, Frere Gerard Parvier. Nawe na mugenzi we witabye Imana nibo baje bwa mbere mu Rwanda bagera hano ku Nyundo baje gusaba Nyiricyubahiro Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI ko yabemerera umuryango wabo ukaza muri Diyosezi ya Nyundo. Ni umusaza w'umukambwe uri mu kigero cy'imyaka 98, utakibasha kuva muri chambre ye, ariko twaraganiriye numva akibuka uburyo Musenyeri BIGIRUMWAMI yabakiriye neza icyo gihe muri 1968 akanemera ko umuryango wabo utangira ubutumwa muri Diyosezi ya Nyundo. Naboneyeho kumubwira ko tuzagira Yubile y'Imyaka 50, arabyishimira cyane kandi ambwira ko tuzifatanya mu Isengesho.

Nyuma ya Nyundo, Abafurere b'inyigisho za gikristu bageze no mu zindi Diyosezi z'u Rwanda nko muri Arkidiyosezi ya Kigali ahitwa i Butamwa n'i Mayange mu Bugesera, muri Diyosezi ya Ruhengeri i Kirambo n'ubu kandi

baracyahari. Nahano kandi iwacu muri Diyosezi ya Nyundo ntibagarukiye hano ku Nyundo gusa, kuko babaye no muri Paruwasi ya Rambura, ubu bari no muri Paruwasi ya Stella Maris Gisenyi. Mubyakunze kuranga abafurere b'Inyigisho za Gikristu nk'uko uwabashinze Padiri Jean Marie LaMenais yabyifuzaga kuva yabashinga mu mwaka w'1819, harimo cyane cyane kwita ku burezi, bashyira imbere nyine nk'uko n'izina ryabo ribivuga: inyigisho za Gikristu, kwita ku rubyiruko barutoza imyuga byose bishingiye ku nyigisho za gikristu.

Ubwo butumwa bwiza abafurere b'inyigisho za gikristu bahawe na Padiri Jean Marie de LaMenais bwageze nahano iwacu mu Rwanda kandi bubyara imbuto nyinshi. Mu burezi bufite ireme kandi burangwa n'ubukristu bayobora amashuri cyangwa bigisha mu mashuri hano ku Nyundo, i Rambura, muri College Inyemeramihigo, muri Paruwasi ya Muhato, i Kirambo ho muri Mwange muri Paruwasi ya Ruhengeri n'ahandi. Batangiye kandi bayobora ibigo by'Imyuga inyuranye ku rubyiruko rutagize amahirwe yo kwiga amashuri yisumbuye, haba i Butamwa muri Centre des Jeunes , hano ku Gisenyi yaje kuvamo Complexe de la Fraternité, n'ibindi tuzi nka Jeunesse Nouvelle bifasha urubyiruko rw'u Rwanda.

Muri make rero Bafurere b'Inyigisho za Gikristu ubutumwa bwanyu ni ubwo kwishimirwa, akaba ariyo mpamvu twese twabukereye ngo twifatanye namwe muri iyi Yubile kuko natwe ari iyacu hamwe namwe.

Ndagirango rero ngaruke ku masomo matagatifu tumaze kumva atuganisha ku byishimo by'iyi Yubile y'imyaka 50 abafurere b'Inyigisho za Gikristu bamaze bageze mu Rwanda.

Mu isomo rya mbere ryo mu gitabo cy'Abalevi twumvise impamvu n'uburyo bwo guhimbaza Yubile. Mbere na mbere Yubile, n'Ijambo riva ku gihebureyi **Yobel,** rigasobanura ihembe ry'isekurume abayisiraheli bakoreshaga bavuza impanda-mbese uyu munsi umuntu yavuga ko ari nka micro cyangwa se icyo bita mu gifaransa **Lance-voix** bakoreshaga bagirango barangurure ijwi batangaze hose intangiriro y'umwaka mutagatifu wabaga buri mwaka wa 50. Nk'uko twabyumvise rero uwo mwaka mutagatifu wabaga ari umwaka udasanzwe. Wabaga ari umwaka w'ibyishimo, umwaka wo gusangira, abakire n'abakene bagasangira. Wabaga ari umwaka wo kwibohora ku bikorwa bibi byose kuko nyine wabaga ari umwaka mutagatifu, ni ukuvuga umwaka urangwamo ibyiza gusa. Wabaga ari umwaka wo guharanira ubwubahane, kubana mu mahoro, ntawe uhuguza ibyabandi, ntawe uhohotera abandi, ahubwo

ukaba umwaka wo gukurikiza amategeko y'Imana. Uko ni ko abayisiraheli bahimbazaga Yubile , bityo igihugu kikaba igihugu cy'amahoro, igihugu cyera imbuto, maze abaturage bakarya bagahaga. Wabaga ari umwaka Uhoraho yasenderezagaho abayisiraheli umugisha udasanzwe. Natwe rero twaje kwifatanya n'aba Bafurere b'inyigisho za Gikristu kuko bari kwishimira ibyiza byose Imana yabagejejeho muri iyi myaka 50 ishize bageze mu Rwanda. Twaje kwifatanya nabo kandi tunabifuriza umugisha ukomoka ku Mana kugira ngo ibikorwa byabo mu burezi, mu kwita ku rubyiruko rw'u Rwanda bikomeze byere imbuto nziza kandi nyinshi nk'uko byagendekeraga Abayisiraheli mu mwaka wa Yubile.

Mu isomo rya kabiri ryo mu Ibaruwa Pawulo mutagatifu yandikiye ababebureyi, twumvisemo inama za Pawulo mutagatifu udusaba kwikomezamo ukwemera kudacogora. Birumvikana mu gihe cy'Imyaka 50 hari ibyiza byinshi biba byarabayemo, ariko yenda n'ingorane zitabuzemo. Aba Bafurere bahimbaza Yubile y'Imyaka 50 bamaze bageze mu Rwanda, umuntu ntiyabura gutekereza ko intangiriro zitari zoroshye, ntiyabura no gutekereza ko imirimo bakoze mu burezi cyangwa mu rubyiruko itabuzemo ingorane, ariko tukaba tubashima ko batacitse integer ahubwo bagakomera ku kwemera, bakarangiza ubutumwa bwabo bizeye ubukungu bwisumbuye kandi buzahoraho iteka nk'uko Pawulo mutagatifu abitwibutsa. Bafurere rero, amizero yanyu ntagacogore , kuko azabahesha ingororano ikomeye. Mujye muhora mukereye gukora ugushaka kw'Imana mu bicishije mu kwita ku rubyiruko rwo mizero y'ejo y'igihugu na Kiliziya.

Nk'uko twabyumvise mu Ivanjili yanditswe na Luka aho Yezu yatoraga ba bigishwa be bambere, namwe Bafurere, Yezu yarabatoye kandi aracyakomeza kubatora no kubaha ubutumwa. Twumvise ukuntu abo bigishwa bambere bari basanzwe ari abarobyi b'amafi, batangariye Yezu abafashije kuroba amafi menshi kandi ubundi bari bagotse ijoro ryose ntacyo babona. Ariko twumvise ko bumvise Yezu bakaroha inshundura zabo mu mazi magari maze inshundura zabo zikenda gucika kubera uburemere bw'amafi. Icyo gitangaza ngo cyatumye ubwoba bubataha bituma Simoni Petero wari ubakuriye apfukama imbere ya Yezu avuga ati: «Igirayo, Nyagasani, kuko ndi umunyabyaha». Nyamara ngo Yezu aramuhumuriza avuga ati: «Witinya, kuva ubu uzajya uroba abantu». Nuko ngo bagarura amato yabo ku Nkombe, basiga aho byose baramukurikira.

Koko rero bavandimwe bacu b'Inyigisho za Gikristu, namwe Yezu yarabatoye nk'uko nabivugaga mu kanya. Namwe mwasize byose kugira ngo mukurikire

Kristu. Namwe Yezu arashaka kubagira abarobyi b'abantu. Namwe Yezu arabatuma mu rubyiruko rw'u Rwanda cyangwa n'ahandi kugira ngo muruhe uburere bwiza bwa Gikristu, kugira ngo muruhe inama nziza n'ingero nziza. Uyu munsi urubyiruko rukeneye abarwitaho kugira ngo tururinde kugwa mubishuko byinshi runyuramo. Ni ngombwa rero ko twese dufatanyije, duhamagarirwa kuroha incundura zacu kugira ngo turobe abo bana b'Igihugu, abo bana ba Kiliziya bugarijwe n'ibigusha byinshi. Natwe uyu munsi Yezu aratubwira ati: «Mwitinya kuva ubu muzajya muroba abantu». Ngubwo ubutumwa twakura muri iyi Yubile yanyu y'imyaka 50 mugeze mu Rwanda.

Imana ibakomereze imbaraga n'umwete wo kwitangira abandi cyane cyane urubyiruko, murutoze inyigisho za Gikristu nk'uko uwabashinze Padiri Jean Marie de LaMenais yabyifuzaga. Natwe kandi tuzakomeza kubasabira ngo ubutumwa bwanyu buzagende burushaho kwera imbuto nziza.

Nyagasani Yezu nabane namwe.

Abafurere mu byishimo babyina imbere y'Alitari.

Imbere ya Cathédral ya Nyundo bahafatiye ifoto y'urwibutso bari kumwe n'Abepiskopi.

Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, mbere y'ibirri byabereye aho abafurere batuye muri Muhira yahaye umugisha Ishusho yabumbwe ya Padiri Jean Marie de LaMennais washinze umuryango w'Abafurere b'Inyigisho za Gikristu.

Nyuma y'ubutumwa bwahatangiwe bunyuranye hakurikiyeho kwakira abashyitsi. Abafurere mu butumwa batanze bakomeje gushimira uko bakiriwe n'uko bakomeje gufashwa n'Abepiskopi ngo barangize neza ubutumwa bwabo bwo kwita ku rubyiruko no kogeza hose Inyigisho za Gikristu.

Padiri Jean Marie KWIZERA